Plate Forme de la Société Civile Rwandaise

Personnalité Civile AM n°72/11 du 19/11/2007 publié dans OG n° 27 du 06 07 2009
B.P 6333 Kigali
Tél : 55 10 25 13
E-mail: rwandacsplatform@gmail.com
Website: www.rcsprwanda.org

DECLARATION YA PLATE FORME YA SOSIYETE SIVILE Y'U RWANDA KU IHAGARIKWA RY'AGATEGANYO RY'INKUNGA Y'ABONGEREZA

1. Nyuma yo kwumva inkuru y'ihagarikwa ry'agateganyo ry'inkunga Leta y'Ubwongereza yageneraga Leta y'u Rwanda iyicishije mu ngengo y'imali y'Igihugu, Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda irasanga icyo cyemezo kibangamiye ubuzima n'imibereho by'Abanyarwanda bakennye yari ifitye akamaro. Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda kandi irabona iki cyemmezo ari igihano gihawe inziraakarengane ku mpamvu za politki badafitemo uruhare, kandi biragaragara ko kitafatanywe ubushishozi buhagije kubera ko cyashingiye kuri raporo y'impuguke za Loni, abantu banyuranye harimo n'Abanyarwanda batahwemye kwamagana kuko yakozwe mu buryo bubogamye kubera gukoresha impuguke zikemangwaho ubwangamugayo n'ubutabogama bwabo, ariko kandi ikusanyamakuru ryabo ntiryakurikije imikorere ya gihanga (scientific methods).

2. Iyi nkunga itangwa ituruka ku misoro y'abaturage b'abongereza; Leta yabo ikayicisha kuri Leta y'u Rwanda kugira ngo iteze imbere abaturage b'u Rwanda b'abakene. Kuyihagarika bigira ingaruka zikomeye kuri abo bagenerwankunga barushaho gukena no kubaho nabi. Ubushakashatsi bwagaragaje ko u Rwanda rwagabanyije ubukene ku rugero rwa 12% mu myaka 4 ishize. Ibi bikaba ari urugero rwiza mu gukoresha inkunga y'amahanga itangwa mu kurwanya ubukene mu baturage, bityo bikaba bidasobanutse impamvu iyo nkunga yahagarikwa ku mpamvu za politiki.

3. Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda isanga iki cyemezo kinyuranyije n'umwanzuro wa 9 w'inama yabereye i Busan muri Koreya y'Epfo mu Ugushyingo 2011 ku ihame ry'imikoresereze myiza y'inknga igamije iterambere ivuga ko hagomba gushyigikirwa igabanywa ry'ubukene no gushyigikira iterambere rirambye hitawe ku nyungu z'abakene.

   Umwanzuro wa 22 w'iyo nama ushimangira ko inkunga itangwa igomba kwita ku burenganzirwa bw'abanyantege nke kandi tubona ko iyo nkunga idatangwa ku nyungu za Guverinema ahubwo ko ari ukugira ngo inkunga ibashe gukemura ibibazo by'ubukene, ubusumbane mu bantu no gusigara inyuma kwa bamwe mu iterambere. Icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo inkunga kirasubiza inyuma iterambere u Rwanda rwari rumaze kugeraho mu kurwanya ubukene kandi kikaba nta muti kizanira ibibzo biri muri Congo.

4. Igisubizo cy'ikibazo cya Congo kiri mu maboko ya Congo ubwayo ifashijwe n'abanyafurika batuye mu karere k'ibiyaga bigari. Inama yabereye i Kampala muri Uganda y'ibihugu bituriye ibiyaga bigari ni urugero rwiza mu kwikemurira ikibazo ku buryo burambye. Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda ishyigikiye imyanzuro yayivuyemo igamije ibigniro by'amahoro no kuva kwa M23 muri Goma. Iy myanzuro ni yubahirizwa, dufite icyizere ko Congo n'abayirwanya bafite ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo no guharanira amahoro arambye muri Congo.

5. Gushyigikira iyi nzira ni byo bizazanira umuti urambye akarere k'ibiyaga bigari kamaze gushegeshwa n'intambara z'urudaca mu bihugu bikagize kandi turashishikarriza umuryago mpuzamahanga n'abaterankung gushyigikira iyo nzira ifasha abanyafurika kwikmurira ibibazo byabo. Kwubahiriza ireme rya demokarasi, imiyoborere myiza n'uburenganzira bwa muntu ni yo nzira yonyine izazana amahoro arambye, kandi nibyo Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda isaba ibihugu bigize akarere k'Ibiyaga bigari, kugira ngo abaturage bakagize bagire amahoro arambye.

6. Kutubahiriza aya mahame bihohotera abaturage bagata ibyabo bakangazwa, abategarugoli bagafatwa ku ngufu nk'uko byagenze mu minsi ishize kuri Goma mu nkambi ya Mugunga, aho abategarugoli benshi bafashwe ku ngufu, impunzi zigsahurwa, izindi nzirakarengane zikagwa mu ntambara zidafitemo uruhare nkuko bimaze iminsi biba mu Karere kabereyemo imirwano no mu Karere ka Rubavu aho abaturage bazize amasasu y'ingabo za Congo n'ay'ingabo za FDLR. Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda yamaganye yivuye inyuma ubwicanyi nk'ubwo kandi irasaba Leta zibishinzwe gufata ingamba zo gukumira ibikorwa nk'ibyo bisyira ubuzimabw'abaturage mu kangaratete.

7. Kubera izi mpamvu, Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda irasaba Leta y'Ubwongereza kimwe n'ibindi Bihugu byafashe icyemezo nk'iki kongera gusuzumana ubushishozi icyemezo iherutse gufata igashyira mu gaciro ireba inyungu z'abagenerwankunga yubahiriza ibyo ibihugu harimo n'Ubwongereza byemereye I Busan, bakarekura inkunga bageneraga u wanda, kandi bagashyigikira ibiganiro hagati y'abarebwa n'ikibazo cya Congo bafashijwe n'ibihugu bigize ICGLR kukibonera umuti nkuko byabyiyemeje.

8. Plate Forme ya Sosiyete Sivile irasaba Leta ya Congo na M23 kureka imirwano bagashyikirana, bakagirana ibiganirobigamije amahoro babifashijwemo n'abahuza bagizwe n'ibihugu byo mu Nama Mpuzamahanga ku Mahoro n'UMutekano mu karere k'Ibiyaga Bigari (ICGLR).

9. Plate Forme ya Sosiyete Sivile irahamagarira na none abashyamiranye kwubahiriza uburenganzira bwa muntu bakirinda gukoresha imvugo y'ubushotoranyi no guhembera amakimbirane n'urwango mu baturage bishobora gutera jenoside nk'iyahekuye u Rwanda.

10. Leta ya Congo n'Umuryango mpuzamahanga, bashakire umuti urambyeikibazo cya FDLR kugira ngo amahoro n'ubwumvikane biramye hagati ya Congo n'u Rwanda, cyane cyane umutekano w'Abanyarwanda n'uwa Abanyekogo urusheho gusugira.

Bikorewe i Kigali, ku wa 5 Ukuboza 2012.

MUNYAMALIZA Edouard
Umuvugizi wa Plate Forme ya Sosiyete Sivile y'u Rwanda